

## Amakuru rusange yerekeye COVID-19

Ubusanzwe, COVID-19 itera ibimenyetso byoroheje gusa, ariko abantu bamwe na bamwe bashobora kuremba. Ni ukuri cyane ku bantu bakuze, cyangwa abantu basanzwe barwaye. Rero, ni ngombwa ko buri wese afasha kugabanya ikwirakwizwa ry'ubwandu mu baturage. Ushobora kubikora ukurikije amategeko n'amabwiriza ku buryo buhoraho atangwa yaba aho uherereye cyangwa ku rwego rw'igihugu.

Ubusanzwe, bifata iminsi 4-5 uherye igihe wanduriye kugeza ubonye ibimenyetso bya COVID-19. Abantu benshi banduye babona ibimenyetso bitarenze iminsi 10. Wandura cyane mu minsi 1-2 mbere y'uko ubona ibimenyetso no mu minsi ya mbere y'ibimenyetso.

COVID-19 ishobora gutera ibintu byose kuva ku bimenyetso byoroheje kugeza ku burwayi bukomeye kandi rimwe na rimwe bikaba byavamo urupfu. Abantu bamwe barashobora kugira COVID-19 batabonye ibimenyetso.

Abantu barwara babanza kubona ibimenyetso nko kubabara mu muhogo, ibimenyetso bisa nk'iby'ibicurane n'inkorora idakomeye ndetse no kumva batameze neza, bafite umuriro, bababara umutwe banaribwa imikaya. Abantu bamwe na bamwe bababara igifu cyangwa bakarwara impiswi. Kugabanuka kwumva uburyohe n'impumuro ni byo bigaragaza uburwayi, nubwo buri wese abigira. Abantu bamwe na bamwe bagaragaza ibimenyetso bikomeye nk'ibibazo byo guhumeka, kubabara mu gatuza no kwitiranya ibintu. Bishobora kuba ngombwa ko bajyanwa mu bitaro.

Abantu bahawe urukingo bashobora kugira ibimenyetso byoroheje bimeze nk'iby'inkorora igihe barwaye COVID-19.

Niba ufite ibimenyetso bya COVID-19 cyangwa uburwayi bw'ubuhumekero, ni ngombwa ko wipimisha. Biranakureba nubwo waba ufite ibimenyetso byoroheje gusa. Guma mu rugo mu gihe utegereje ibisubizo by'ikizamini.

### Inama zo kwirinda kwandura:

Iyo ufite ibimenyetso bishya byibasira inzira z'ubuhumekero (ibihaha, umuhogo cyangwa amazuru):

- Buri wese agomba kuguma mu rugo kandi akipima. Binareba abantu bahawe urukingo, kimwe n'abantu bigeze kurwara COVID-19. Ni ngombwa ko n'abana bapimwa. Ababyeyi/abishingizi b'abana bahitamo niba umwana agomba gupimwa.
- Ubusanzwe, ushobora kwipimira mu rugo. Ushobora gusaba mbere randevu aho bapimira igihe wipimiye mu rugo ugasanga waranduye.
- Ugomba kuguma mu rugo kugeza wumvise umeze neza.

Inkorora n'isuku yo mu ntoki:

- Irinde gukorora no kwitsamurira ku bandi. Koresha urupapuro rw'isuku cyangwa witsamurire/ukororere imbere mu nkokora. Ta urupapuro rw'isuku kandi ukarabe intoki cyangwa ukoreshe umuti ukoreshwa mu gusukura intoki nyuma y'aho.
- Tuma intoki zawе zikomeza kugira isuku. Karaba intoki zawе ukoresheje isabune n'amazi. Niba isabune n'amazi bitabonetse, urashobora gukoresha umuti ukoreshwa mu gusukura intoki urimo arukoro.

#### Urukingo:

- Ni gnombwa ko buri wese wahawe urukingo rwa COVID-19 arufata.
- Baza ubuyobozi bw'umuji uherereyemo ku byerekeye amakuru y'ahantu n'igihe ushobora guhererwa urukingo.

#### Akato:

- Guma mu rugo niba uri mu kato.
- Ni ngombwa ko abantu byemejwe ko bafite ubwandu bwa COVID-19 bajya mu kato. Binareba abantu bahawe urukingo.
- Niba uri mu kato, ugomba gusiga intera hagati yawe n'abandi. Wowe n'abo mu rugo rwawe mushobora kwakira abashyitsi kandi ntimugomba gukoresha imodo ka zitwara abantu mu buryo rusange (bisi, gariyamoshi, ubwato cyangwa ibisa na byo).
- Niba urera abana, ni ngombwa cyane ko bitabwaho n'undi utari wowe kugira ngo usige intera itabatera ikibazo.
- Ugomba kubimenyesha ubuyobozi bw'umuji utuyemo niba wapimwa bagasanga waranduye.
- Niba waranduye, ni ngombwa ko ubimenyesha abo mukorana bya hafi.
- Niba ukeneye ubufasha bw'ubuvuzi, bimenyetse umuganga ukuvura kuri telefone. Unashobora guhamagara icyumba cyakira indembe kuri 116 117. Sobanura ko ufite COVID-19 igihe uhamagaye. Mu gihe byihutirwa, hamagara 113.
- Niba ukorana bya hafi n'umuntu wanduye, ushobora gusabwa kujya mu kato. Ni ngombwa ko ugomba gukurikiza amakuru uhabwa n'itsinda rishinzwe kurwanya ubwandu ry'aho utuye.
- Guhezwa biba byoroheje kurusha akato. Iyo wahejwe, ushobora gukomeza gusiga intera iboneye hagati yawe n'abandi.
- Niba winjije muri telefone porogaramu ya [Smittestopp](#), turagushishikariza ko umenyekanisha ko wanduye ukoresheje porogaramu. Bikurikizwa gusa iyo wapimiwe aho bapimira ku rwego rw'umuji, maze bagasanga waranduye.

#### Amatsinda afite ibyago byinshi:

- Niba uri mu itsinda rifite ibyago byinshi byo kurembywa n'icyorezo cya COVID-19; by'umwihariko, ugomba kwirinda kwandura, urugero, kwirinda ujya ahantu hari abantu benshi cyangwa gusiga intera hagati yawe n'abandi. Urukingo rukurinda kurembywa n'indwara.

Niba hari abantu benshi bari kwandura ku rwego rw'umuji cyangwa rw'igihugu, hashobora gushyirwaho ingamba zitandukanye. Bishobora kuba birimo gusiga intera ya metero imwe hagati yawe n'abandi cyangwa kwambara agapfukamunwa igihe bidashoboka ko usiga intera hagati yawe n'abandi.

Igihe ikibazo cy'ubwandu gihindutse mu gihugu. Ikibazo kiratandukanye mu muji umwe n'uwundi. Ni ngombwa ko ukomeza kubona amakuru agezweho arimo inama n'amategeko bikurikizwa mu muji uherereyemo no mu gihugu hose.

Generell informasjon om Korona  
Språk: Kinyarwanda  
Opprettet: 03/2020 Oppdatert: 12/2021



Ubuyobozi burasaba buri wese utuye cyangwa uba muri Noruveje gusoma amakuru y'ingenzi n'inama byerekeye koronavirusi kuri [www.fhi.no](http://www.fhi.no) na [www.helsenorge.no](http://www.helsenorge.no). Inama zishobora guhinduka kandi zivugururwa ku buryo buhoraho. Amakuru aboneka mu Kinyanoruveje n'Icyongereza. Niba udasobanukiwe amakuru, saba ubufasha umuntu uzi.